REPUBLIQUE RWANDAISE

PRO FEMME / TWESE HAMWE

1 D
2 p

Announcement

Novembre 1996

Direction Sport pour info

D/03412

le 21.12.98

Secrétariat pour diffusion 22/12

# PRO-FEMMES/TWESE HAMWE

Collectif des Organisations rwandaises de Promotion de la Femme, de la Paix et du Développement

Premier Prix Unesco Madanjeet Singh pour la Tolérance et la Non Violence, Novembre 1996

Réf. : 45 OA/SE/CN/bg/PF-TH/98

D.S.G

## ITANGAZO

Impuzamiryango PRO-FEMMES/TWESE HAMWE irifuza guha akazi umuntu wese wifuza kuyibera Umunyamabanga Nyubahirizabikorwa (Secrétaire Exécutif(ve). Agomba kuba yujuje ibi bikurikira :

1. Kuba ari umunyarwanda
2. Kuba afite hagati y'imyaka 30 na 45 y'amavuko
3. Kuba ashobora guhita atangira akazi ako kanya
4. Kuba afite impamyabushobozi ihanitse mu by'Ubukungu, Icungamutungo cyangwa se Imibereho myiza
5. Kuba yarakoze amahugurwa yerekeranye n'ubwuzuzanye n'uburinganire byaba ari akarusho
6. Kuba afite nibura imyaka itanu y'uburambe mu kazi cyane cyane mu miryango itegamiye kuri Leta
7. Kuba amenyereye gukorana n'amashyirahamwe cyane cyane agamije guteza imbere abanyarwandakazi
8. Kuba azi neza Ikinyarwanda, Icyongereza n'Igifaransa
9. Kuba azi neza gukoresha ibyuma kabuhariwe (traitement de textes, tableur)
10. Kuba afite uruhushya rwo gutwara imodoka.

Azaba ashinzwe imirimo ikurikira :

1. Gutegura igenamigambi no guhuza ibikorwa bya buri munsi bya PRO-FEMMES/TWESE HAMWE;

2. Gutegura gahunda y'ibikorwa bya PRO-FEMMES/TWESE HAMWE afatanije n'imiryango iyigize;

3. Gusobanura iyo gahunda y'ibikorwa mu nama y'ubutegetsi no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ryayo ndetse no kureba niba ibikorwa byayo bigera kubo Impuzamiryango ikorera;

4. Kuba umuvugizi wa PRO-FEMMES/TWESE HAMWE;

5. Kuba umuhuza w'imiryango yibumbiye muri PRO-FEMMES n'imiryango nterankunga;
6. Gukurikirana ibikorwa byo mu zindi nzego zifite inshingano nk'iza PRO-FEMMES/TWESE HAMWE;
7. Gushakira ingufu Impuzamiryango n'Imiryango iyigize;
8. Gatanga raporo y'ibikorwa n'iy'ikoreshamutungo mu nzego za PRO-FEMMES/TWESE HAMWE no mu bandi bakorana nayo;
9. Gushyiraho politiki yo gushakira umutungo Impuzamiryango;
10. Gukurikirana iyubahirizwa ry'amategeko agenga umuryango n'amategeko mbonezamikorere;
11. Guhagararira Impuzamiryango igihe abisabwe n'Umukuru wayo;
12. Gushyira mu bikorwa ibyemezo byafashwe n'inama y'ubutegetsi;
13. Kubahiriza indi mirimo yose asabwa n'abamukuriye.

Amabaruwa asaba akazi aherekejwe n'umwirondoro yandikirwa Umuyobozi wa PRO-FEMMES/TWESE HAMWE, B.P. 2758, Tel/Fax: 72750. Ayo mabaruwa azashyirwa ku biro by'Impuzamiryango biri mu Kiyovu, n°28 ku muhanda wa Député Kayuku. Agomba kuba yahageze bitarenze taliki ya 12/12/1998.

Ku bakeneye ibindi bisobanuro bashobora guhamagara Umuyobozi w'Impuzamiryango kuri tél. : 72750/75049 cyangwa se Umuyobozi w'akanama ngishwanama gashinzwe iby'amategeko na politiki kuri tél : 72750/72976.

Bikorewe I Kigali, kuwa 27/11/1998
Immaculée MUKANKUBITO,
Umuyobozi w'Impuzamiryango